Prevent Child Abuse Indiana
A Division of The Villages
A Chartered State Chapter of Prevent Child Abuse America

INDIANA Kids First CARE PREVENTING CHILD ABUSE



# ABANA BOSE BARARIRA

## KURIRA NI IBINTU BISANZWE

Abana bararira, ndetse cyane, kandi ni ibintu bisanzwe. Uko ababyeyi n'abarera abana bitwara mu gihe umwana arize ni ingenzi. Ntabwo byemewe kuzunguza umwana, kuko bishobora kumutera ibikomere bikomeye, bishobora no kumuviramo urupfu. Ita ku nama zikurikira kugira ngo wirinde Indwara zifata umwana wazungujwe/Ibibazo byo kwangirika mu mutwe maze wite ku bana mu buryo butekanye kandi burangwa n'ubwitange.

## INAMA ZO GUHOZA UMWANA

- Reba niba adashonje
- Reba niba ibyahi bitanduye.
- Hamagara umuganga niba umwana ameze nk'urwaye.
- Temberana n'umwana n'amaguru cyangwa n'imodoka.
- Fata umwana cyangwa umusimbize gake gake.
- Muhe agatetine
- Muvugishe witonze cyangwa ukine akaziki gatuje.
- Genzura niba umwana atabyimbye inda.

## IYITEHO

- **Tuza:** Injiza umwuka cyane uhite uhumeka ubare inshuro 20.
- **Ibyo wakora:** Kora imyitozo, gira umuntu uvugisha cyangwa urire wirekuye.
- **Ruhuka:** Umva umuziki, usome cyangwa urebe televiziyo.
- **Saba ubufasha:** Emerera umuntu wizeye kuhakubera mu gihe runaka.
- **Hamagara:** Hamagara umuganga, inshuti cyangwa umuvandimwe kugira ngo bagufashe.

## IHUGURE

**Indwara zifata umwana wazungujwe/Ibibazo byo kwangirika mu mutwe** bibaho iyo umuntu yazunguje umwana akoresha imbaraga nyinshi. No kumuzunguza gake bishobora kumukomeretsa cyane cyangwa bikamutera urupfu.

## ZIRIKANA

Kurira nta kibazo bitera umwana... KUMUZUNGUZA ni byo bimutera ibibazo! Niba ukeka ko umwana yazungujwe, ihutire kugana ahakirirwa indembe hakwegereye.

## KU BINDI BISOBANURO

Sikana kode ya QR cyangwa usure urubuga rwacu.

www.pcain.org